

UBURYO

BWO KUBAHO

INTANGIRIRO Y'UBURYO BWO KUBAHO

IBITARI BIZWI BIRI IMBERE...

Dutuye mu isi idatekanye.

UBURYO BWO KUBAHO

Imyumvire tugomba kugira

Ibyo dukeneye gusaba

Iyobokamana dukwiye kwizera

1. **Ibigeragezo ntaho wabihungira.** Ibibazo muri iyi si yangiritse ntibishidikanywaho.
2. **Ibigeragezo bishobora kutwubaka cyangwa kudusenya.**
Dushobora gufata buri kibazo nk'igikomeye cyane kidashoboka gukemuka, cyangwa nk'amahirwe akomeye.
3. **Abababazwa bananirwa kwibaza impamvu y'ibyababayeho bityo bakaguma mu bubabare budashira.** Ntakindi bakora, uretse kwibaza bati "Kuki ari njye, Mana cyangwa bati kuki none?"

IBIBAZO ITORERO RYA MBERE RYIBAZAGA...

- Mwami Yesu niki nakora?
- Nitware gute muri ikibazo ndimo hamwe n'umuryango wanjye?
- Niki wavuga ku bibazo mfite mu buzima bwanjye?
- Nintakaza ubucuruzi bwanjye?
- Niki gikurikiyeho ejo hazaza?
- Ndi kuva he nkajya hehe?

IKIBAZO

Ni ikihe kigeragezo ufite mu buzima uyu muni?

IMYUMVIRE TUGOMBA KUGIRA

“Bene Data, mwemere ko ari iby’ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n’ibibagerageza bitari bimwe, mumenye yuko kugeragezwa ko kwizera kwanyu gutera kwihangana. Ariko mureke kwihangana gusohoze umurimo wako, mubone gutungana rwose mushyitse mutabuzeho na gato.”
(Yakobo 1:2-4)

“mureke kwihangana gusohoze umurimo wako.””(Yakobo 1:4)

IBIBAZO BYINGENZI BITATU BYA “NIKI” ...

Ikibazo cya 1: Niki nshobora kugenga igihe isi yampindutse?

Igisubizo: Imyumvire

Ikibazo cya 2: Niki nakora ngo mbashe kurenga uyu muni?

Igisubizo: Kwihangana

Ikibazo cya 3: Ni iki niringiye ejo hazaza?

Igisubizo: Kwizera ko Imana izafata ibibi bikomeye duhura na byo uyu muni ikabikoresha itugeza ku byiza.

Yakobo atugira inama yo kureka kwihangana kugasohozwa umurimo wako, kugira ngo tube dushyitse (*mu ijamba ry’ikigiriki ni telios*), “tutabuzeho na gato” (Yakobo 1:4).

“kuko abo yamenye kera yabatoranirije kera gushushanywa n’ishusho y’Umwana wayo,…” (Abaroma 8:29)

“Mu rwandiko rw’Abaheburayo tubonamo intwari nyinshi zo Kwizera bo bizera amazerano y’Imana batareba, ntibakanzwe nibyababagaho barwaniriye ibyo Kwizera. “Yemwe, n’isi ntiyari ikwiriye ko bayibamo! Bazereraga mu mashyamba no mu bihanamanga, no mu mavumo no mu masenga.” (Abaheburayo 11:38)

“Hahirwa umuntu wihanganira ibimugerageza, kuko namara kwemerwa azahabwa ikamba ry’ubugingo, iryo Imana yasezeraniye abayikunda” (Yakobo 1:12)

IMYUMVIRE KU MIBABARO

1. Imana ikoresha ibigeragezo kugira ngo idukuze, kuko bidutera **kwishingikiriza** kuri Yo ku rwego rushya.
2. **Tuvanwa** ku bintu by’igihe gito n’ibisanzwe by’ubuzima, tugahatirwa kongera gusuzuma indangagaciro zacu, iby’ingenzi twitaho, ibyo twiyemeje n’icyerekezo cy’ejo hazaza.
3. Ibigeragezo bituma **duhamya** Ukuri n’Imbaraga z’Imana.
4. Ibigeragezo biba **ubuhamya** bukomeye kuri iy’isi y’abatizera Imana.
5. **Duhinduka** abantu bagira ubwenge muri byose, bita ku bandi, bafite impuhwe, kandi tugera ikirenge cya Kristo.

IKIBAZO

Ni iyihe myumvire mfite igomba guhinduka kugira ngo nkure neza mu gihe mpora mu ibigeragezo?

IBIKENEWE DUKWIYE GUSABA

IBYICIRO BIBIRI BY'ABANTU...

1. Abantu bahora bibaza ngo “kuki?”. Bihugiraho bagaheranwa n’agahinda.
2. Abantu bibaza ngo “niki” bagomba gukora kugira ngo babeho neza. Abo nibo bagira intsinzi.

IBIBAZO BITATU BYA “NIKI” ...

1. Niki ngomba kwitaho? Imyumvire.
2. Niki nakora ngo ndenge uyu munsu? Kwihangana.
3. Ni iki nakwiringira ejo hazaza?
Imana ifite byose, izi byose, kandi ishoboye byose isezeranya ko izafata ibibi byose duhura na byo muri ubu buzima, ikabikuramo ibyiza—byaba muri ubu buzima cyangwa mu ijuru.

UKORA IKI IYO WABUZE ICYEREKEZO

“Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishāma kandi azabuhabwa. Ariko rero asabe yizeye ari nta cyo ashidikanya, kuko ushidikanya ameze nk’umuraba wo mu nyanja, ujyanwa n’umuyaga ushushubikanywa. Umeze atyo ye kwibwira ko azagira icyo ahabwa n’Umwami Imana, kuko umuntu w’imitima ibiri anāmūka mu nzira ze zose.” (Yakobo 1:5-8)

Isezerano ry’Imana:

Ubwenge buhebuje

Inshingano zacu:

Tugomba kubusaba

Imyitwarire y’Imana:

Iriteguye gutanga ibyo tuyisabye.

ICYO DUSABWA

“asabe yizeye adashidikanya...” (Yakobo 1:6)

Umuntu usenga ashaka kumenya ubushake bw’Imana

nk’amakuru yo kumenya gusa, atabiyemeje atabiyemeje

ahabwa igisubizo gikurikira:

“Umeze atyo ye kwibwira ko azagira icyo ahabwa n’Umwami Imana,”(Yakobo 1:7)

MUGIHE UKENEYE UBUFASHA

1. Emera ko wabuze icyerekezo.
2. Menya ko utabyishoboza ubwawe.
3. Saba Imana ubwenge buhebuj.
4. Iteguye gukora icyo ubwenge bwayo busab.

ISANGANYAMATSIKO IKUNZE KUGARUKA MU BYAN-DITSWE...

“Abakiranutsi baratatse Uwiteka arabumva, Abakiza amakuba n’ibyago byabo byose.” (Zaburi 34:18)

“Nuko rero, twegere intebe y’ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.” (Abaheburayo 4:16)

Imana iguha umutungo w’agaciro kurusha iyindi yose ku isi:

Ubwenge bwayo.

Agutambutsa mu bibazo byawe aguha ubuntu buhagije bwo guhangana nabyo umunsi ku wundi, kandi agusezeranya ko byose azabihuriza hamwe ku nyungu yawe.

IBIBAZO

1. Ni hehe ukeneye ubwenge bw’Imana budasanzwe uyu munsi?
2. Hari aho waba wanga gufashwa n’Imana kuko utiteguye gukora ibyo igusaba?

IGICE CYA 3

IYOBOKAMANA DUKWIYE KWIZERA

Igikoresho gikomeye cyane Satani akoresha ni... **Ugucika**
intege.

GUTSINDA IGIKOKO CYO GUCIKA INTEGE

Gucika intege ni icyorezo cyonona icyizere cyose twari dufite, kurambirwa no Guçika intege. Gake Gake, kidutera kwizera ko turi abanyantege nke, ko nta na kimwe kizigera gihinduka, ndetse ko ntacyo byaba bimaze no kugerageza. Ibyo nibyo byiyumviro bituma dufata umwanzuro mubi, tukanyura mu nzira za bugufi cyangwa tukabireka burundu, tubona ari yo mahitamo meza.

GUSUBIRAMO

Umugambi w'Imana utangirana **n'Imyumvire** : Kwihangana **unezerewe**.

Iyo myumvire itanga **igisubizo** : ko tuzakura tukagera **kukigero gishyitse,kandi tudashobora kubura ikintu na kimwe**.

Imana itanga **ibikenewe** : **Ubwenge ndengakamere**.

IMANA IDUHA IBYO TWIZERA— ICYEREKEZO CY'UMWUKA, ISHUSHO YAGUTSE KU KURI K'UBUZIMA, KU MIBEREHO YACU, NO KU EJO HAZAZA HACU...

“Mwene Data w’umukene yishimire yuko afite isumbwe, naho umutunzi yishimire yuko acishijwe bugufi, kuko azashiraho nk’uburabyo bw’ibyatsi. Kuko izuba iyo rirashe rifite ubushyuhe bwotsa, ryumisha ibyatsi uburabyo bwabyo bugahunguka, ubwiza bw’ishusho yabyo bukabura. Uko ni ko umutunzi azumira mu nzira ze zose.” (Yakobo 1:9-11)

“Hahirwa umuntu wihanganira ibimugerageza, kuko namara kwemerwa azahabwa ikamba ry’ubugingo, iryo Imana yasezeranije abayikunda.” (Yakobo 1:12)

UBUZIMA BURAHINDAGURIKA

“Kuko izuba iyo rirashe rifite ubushyuhe bwotsa, ryumisha ibyatsi uburabyo bwabyo bugahunguka, ubwiza bw’ishusho yabyo bukabura. Uko ni ko umutunzi azumira mu nzira ze zose.” (Yakobo 1:11)

NTURAMBIRWE

“Umaze guca mu bigerageza: “azahabwa ikamba ry’ubugingo.” (Yakobo 1:12)

“Ni cyo gituma tudacogora, kandi nubwo umuntu wacu w’inyuma asāza, umuntu wacu w’imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye, kuko kubabazwa kwacu kw’igihwayihwayi kw’akanya ka none kwiyongeranya, kuturemera ubwiza bw’iteka ryose bukomeye. Natwe ntitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ari iby’igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby’iteka ryose.” (2 Abanyakorinti 4:16-18)

KWIHANGANA MU BIHE BIKOMEYE

1. Reba **ibibazo** urimo mu buryo Imana ibibona..
2. Reba **ejo hazaza** hawe nkuko Imana ihabona..
3. Reba ibintu uko Imana ibibona ku bijyanye **n'impamvu igutera gukora ibyo ukora**.

NTURI UMUNYABIBAZO

1. Ese kwizera kwanjye gushingiye ku **bintu bishira** cyangwa ku **bintu bihoraho** ?
2. Ese Ibyiringiro byanjye bishingiye ku bunini bw' **ibibazo** mfite cyangwa ku kwizerwa **kw'amasezerano y'Imana** ?
3. Ese impamvu nyamukuru impa gukomeza **ni urukundo** **mfitiye Kristo** cyangwa ni ugushaka gusa kuruhuka ?

Hari Uburyo bwo kubaho Imana ishaka ko wiga

IGIHE CYOSE UCITSE INTEGE, IBUKA KWIZERA , KUGIRA IBYIRINGIRO N'URUKUNDO.

1. **Kwizera** gukomeza umutima n'ubwenge byawe uzi ko Imana ari yo igenga byose.
2. **Ibyiringiro** bikwibutsa ko uri umwana w'Imana, kandi ko Imana ifite aho ikujyanye, igufiteho umugambi n'amasezerano akomeye.
3. **Urukundo** rugutera kuvana amaso ku bibazo ahubwo ukabibona nk'amahirwe yo kubabarizwa Imana nk'uburyo bwo kuyikunda.

INTAMBWE ZIKURIKIRAHU

[illegible]

Soma kode kugira ngo ubone ibindi bikoresho





